D.C.A

DAAF Umenyeshe abakozi babishaka Ose 27.07.97.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
SENDIKA Y'ABAKOZI BO MU
BUTEGETSI BWITE BWA LETA
(STACE)

Kigali, kuwa. 25. JUIN 1997
N°174/00/1.04

A traiter par .....
Date entrée : 18.7.97
N° Classement : 1923/97

Ku Muyobozi w'Ikigo
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO
NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
......................

Madamu, Bwana Muyobozi,

Mu rwego rwo gukangurira abakozi bo mu Butegetsi Bwite bwa Leta amatwara ya Sendika yabo, CESTRAR ifatanije na STACE bishimiye kubagezaho gahunda y'ingendo zigamije kaganira n'abakozi.

Muri ibyo biganiro, abakozi bazasobanurirwa amavu n'amavuko ya SENDIKA mu Rwanda, amatwara n'imiterere ya STACE no gushyiraho abayihagarariye mu Bigo.

Hamwe n'uru rwandiko tuboherereje gahunda y'isurwa ry'Ibigo riteganijwe mu kwezi kwa Nyakanga 1997.

Twizeye ko mwakira neza iyi gahunda kandi mukorohereza abakozi babishaka kumenya uburenganzira bwabo no kurushaho guteza Igihugu cyacu imbere.

Mugire amahoro.

Umunyamabanga Mukuru wa CESTRAR
MURANGIRA François

[Stamp: CENTRALE DES SYNDICATS DES TRAVAILLEURS — CESTRAR]

Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu
RULINDAMANYWA Jean Baptiste.

[Stamp: SYNDICAT DES TRAVAILLEURS DE L'ADMINISTRATION CENTRALE — STACE — B.P 1045 KIGALI]

Bimenyeshejwe:

- Abahagarariye STACE mu Kigo
  UZABAKIRIHO Hildegarde
  ............................

Gahunda yo gusura abakozi ba za Minisiteri, Inteko Ishinga Amategeko na Perezidansi ya Repubulika.

<u>Ukwezi kwa Nyakanga 1997</u>

| Amatariki | : Ahasurwa |
|---|---|
| 1) 08/07/97 | : Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) |
| 2) 10/07/97 | : a)- Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza abantu (MININTER)<br>: b)- Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) |
| 3) 15/07/97 | : a)- Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST)<br>: b)- Minisiteri y'Imirimo ya Leta (MINITRAP)<br>: c)- Minisiteri y'Umuryango, Iterambere ry'Abari n'Abategarugori n'Imibereho myiza y'Abaturage (MIGEFASO) |
| 4) 17/07/97 | : a)- Serivisi za Minisitiri w'Intebe (PRIMATURE)<br>: b)- Minisiteri y'Itangazamakuru (MININFOR) |
| 5) 22/07/97 | : a)- Inteko Ishinga Amategeko (A.N.)<br>: b)- Minisiteri muri Perezidansi ya Repubulika (MINIPRESIREP) |
| 6) 24/07/97 | : a)- Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse (MIJEUMA)<br>: b)- Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi, Ibidukikije n'Amajyambere y'Icyaro (MINAGRI) |
| 8) 29/07/97 | : a)- Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE)<br>: b)- Minisiteri y'Ubukorikori, Ubucuruzi bw'Amabuye y'Agaciro n'Ubukerarugendo (MINAMIT) |
| 8) 31/07/97 | : a)- Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET)<br>: b)- Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN)<br>: c)- Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Amakoperative (MINECOM) |